

<p>ITEGEKO N°54bis/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE (METEO RWANDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO</p>	<p>LAW N°54bis/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA METEOROLOGY AGENCY (METEO RWANDA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING</p>	<p>LOI N°54bis/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DE LA METEOROLOGIE (METEO RWANDA) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</p>
--	---	--

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p><u>Ingingo ya 3: Icyicaro cya METEO RWANDA</u></p> <p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA METEO RWANDA</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Inshingano za METEO RWANDA</u></p> <p><u>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA METEO RWANDA N'ICYICIRO IRIMO</u></p> <p><u>Ingingo ya 5: Urwego rureberera METEO RWANDA n'icyiciro irimo</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p><u>Article 2: Definitions of terms</u></p> <p><u>Article 3: Head office of METEO RWANDA</u></p> <p><u>CHAPTER II: MISSION OF METEO RWANDA</u></p> <p><u>Article 4: Mission of METEO RWANDA</u></p> <p><u>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF METEO RWANDA AND ITS CATEGORY</u></p> <p><u>Article 5: Supervising authority of METEO RWANDA and its category</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p> <p><u>Article 2: Définitions des termes</u></p> <p><u>Article 3: Siège du METEO RWANDA</u></p> <p><u>CHAPITRE II: MISSIONS DU METEO RWANDA</u></p> <p><u>Article 4: Missions du METEO RWANDA</u></p> <p><u>CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU METEO RWANDA ET SA CATEGORIE</u></p> <p><u>Article 5: Organe de tutelle du METEO RWANDA et sa catégorie</u></p>
--	--	--

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA METEO RWANDA

Ingingo ya 6: Inzego z'ubuyobozi za METEO RWANDA

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba METEO RWANDA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba METEO RWANDA

Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za METEO RWANDA

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutungo wa METEO RWANDA n'inkomoko yawo

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF METEO RWANDA

Article 6: Management organs of METEO RWANDA

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of METEO RWANDA

Article 8: Sitting allowance for members of the Board of Directors

Article 9: Incompatibilities with membership on the Board of Directors

Section 2: General Directorate

Article 10: Members of the General Directorate of METEO RWANDA

Article 11: Statutes governing staff of METEO RWANDA and benefits allocated to members of the General Directorate and the staff of METEO RWANDA

Article 12: Functioning, organization and responsibilities of organs of METEO RWANDA

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of METEO RWANDA and its source

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU METEO RWANDA

Article 6: Organe de direction du METEO RWANDA

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Conseil d'Administration de METEO RWANDA

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Section 2: Direction Générale

Article 10: Membres de la Direction Générale du METEO RWANDA

Article 11: Statut du personnel du METEO RWANDA et appointements des membres de la Direction Générale et du personnel du METEO RWANDA

Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes du METEO RWANDA

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine du METEO RWANDA et sa source

Official Gazette n° 04 of 23/01/201220

<u>Ingingo ya 14:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 14:</u> Use, management and audit of the property	<u>Article 14:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 15:</u> Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya METEO RWANDA	<u>Article 15:</u> Approval and management of the budget of METEO RWANDA	<u>Article 15:</u> Adoption et gestion du budget du METEO RWANDA
<u>Ingingo ya 16:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 16:</u> Annual financial report	<u>Article 16:</u> Rapport annuel de l'exercice comptable
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 17:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 17:</u> Transitional period	<u>Article 17:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 18:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 18:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 18:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 19:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 19:</u> Repealing provision	<u>Article 19:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 20:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 20:</u> Commencement	<u>Article 20:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 04 of 23/01/201221

ITEGEKO N°54bis/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE (METEO RWANDA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO	LAW N°54bis/2011 OF 14/12/2011 ESTABLISHING RWANDA METEOROLOGY AGENCY (METEO RWANDA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING	LOI N°54bis/2011 DU 14/12/2011 PORTANT CREATION DE L'AGENCE RWANDAISE DE LA METEOROLOGIE (METEO RWANDA) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT
--	---	--

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05
Ukwakira 2011;

The Chamber of Deputies, in its session of 05
October 2011;

La Chambre des Députés, en sa séance du 05
octobre 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 07
Nzeri 2011;

The Senate, in its session of 7 September 2011;

Le Sénat, en sa séance du 7 septembre 2011 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90,
iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya
118, iya 183 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92,
93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du
04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 et 201;

Official Gazette n° 04 of 23/01/201222

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOpte:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere cyitwa «METEO RWANDA» mu magambo ahinnye. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

This Law establishes Rwanda Meteorology Agency referred to by the abbreviation "METEO RWANDA". This Law also determines its mission, organization and functioning.

La présente loi porte création de l'Agence Rwandaise de la Météorologie dénommée «METEO RWANDA» en sigle. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

METEO RWANDA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

METEO RWANDA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be managed in accordance with general provisions governing public institutions.

METEO RWANDA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Law, the following terms shall be defined as follows:

Dans la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **ubupimiro bw'imiterere y'ikirere:** ahantu hagenzurirwa imihindagurikire y'ikirere hakurikijwe ibisabwa n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubumenyi bw'Ikirere;

1° **meteorological stations:** facility observing atmospheric conditions to provide information for weather forecast and to study the weather and climate in accordance with World Meteorological Organisation;

1° **stations météorologiques:** lieu où les données météorologiques liées aux variations du climat sont enregistrées conformément aux exigences de l'Organisation Météorologique Mondiale;

Official Gazette n° 04 of 23/01/201223

- | | | |
|---|--|--|
| 2° igihe: imiterere y'ikirere igaragazwa n'indangagihe zinyuranye; | 2° weather: state of the atmosphere as defined by the various meteorological elements; | 2° temps: état de l'atmosphère défini par les différents éléments météorologiques; |
| 3° indangagihe: ibintu bigaragaza imiterere y'ikirere cy'ahantu mu gihe runaka; | 3° meteorological element: atmospheric variable or phenomenon which characterize the state of the weather at a specific place at a particular time; | 3° élément météorologique: variable ou phénomène atmosphérique qui caractérise l'état du temps en un endroit déterminé et à un moment donné; |
| 4° iteganyagihe: uburyo bwo kugaragaza imiterere y'ikirere mu gihe kiri imbere mu karere cyangwa agace k'ikirere runaka; | 4° weather forecasting: statement of expected meteorological conditions for a specific period and for a specific area or portion of air space; | 4° prévision du temps: exposé des conditions météorologiques prévues pour une période définie et pour une zone ou une partie d'espace aérien déterminé; |
| 5° ihinduka ry'ibihe: ihinduka rifatika ry'ibipimo mpuzandengo by'indangagihe byabazwe mu gihe cy'imyaka icumi cyangwa irenga. | 5° climate change: significant change in the mean values of a meteorological element in ten years or more. | 5° changement climatique: changement significatif des valeurs moyennes météorologiques au cours d'une période de dix ans ou plus. |

Ingingo ya 3: Icyicaro cya METEO RWANDA

Icyicaro cya METEO RWANDA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

METEO RWANDA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Article 3: Head office of METEO RWANDA

The head office of METEO RWANDA shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory, if deemed necessary.

METEO RWANDA may, in order to fulfil its mission, have branches elsewhere in the country if deemed necessary upon approval by the Order of the Prime Minister.

Article 3: Siège du METEO RWANDA

Le siège de METEO RWANDA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire rwandais.

Pour mieux s'acquitter de ses missions, METEO RWANDA peut, en cas de nécessité et après approbation par un arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA METEO RWANDA

Ingingo ya 4: Inshingano za METEO RWANDA

METEO RWANDA ifite inshingano zo gushyira mu bikorwa politiki ya Leta mu bijyanye n'Ubumenyi bw'Ikirere ikoresheje uburyo bugezweho mu nyigo, ubushakashatsi, mu guhura no guteza imbere gahunda mu rwego rw'Ubumenyi bw'Ikirere.

By'umwihariko, METEO RWANDA ishinze ibi bikurikira:

- 1° gushyiraho ubupimiro bw'imiterere y'ikirere mu gihugu hose hagamijwe kumenya ihinduka ry'ibihe bya buri karere no kurukurikirana kugira ngo rikoreshe mu iterambere ry'Igihugu;
- 2° gufata ibipimo by'indangagihe hirya no hino mu gihugu, kubikusanya, kubisesengura, kubibika no kubihanahana hagamijwe kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu, hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono;
- 3° kwemeza ibipimo by'indangagihe n'imiterere y'ikirere;
- 4° gushyiraho umuyoboro w'itumanaho wihariye ukoreshwa mu gukusanya no gukwirakwiza ibipimo by'indangagihe

CHAPTER II: MISSION OF METEO RWANDA

Article 4: Mission of METEO RWANDA

The mission of METEO RWANDA shall consist of implementing the Government policy in relation to meteorology using modern methods of study, research, coordination and promotion of programmes in the field of meteorology.

METEO RWANDA shall be particularly responsible for the following:

- 1° to establish meteorological stations across the country to identify each climatic zone, monitor such characteristics of and use them towards national development;
- 2° to collect, gather and access data of meteorological elements from around the country, and exchange related informations to ensure the security of people and the property in accordance with international agreements to which Rwanda is signatory;
- 3° to approve weather and climate change data;
- 4° to establish a special communication network to be used in collecting and disseminating meteorological elements in accordance with

CHAPITRE II: MISSIONS DU METEO RWANDA

Article 4: Missions du METEO RWANDA

METEO RWANDA a pour mission de mettre en œuvre la politique de l'Etat dans le domaine de la météorologie en se servant des méthodes modernes d'étude, de recherche, de coordination et de promotion des programmes dans le domaine de la météorologie.

METEO RWANDA est particulièrement chargé des missions ci-après:

1. établir des stations météorologiques dans tout le pays en vue d'identifier les caractéristiques de chaque zone climatique, d'en faire le suivi aux fins d'usage dans le développement national;
2. prélever, collecter et analyser les données des éléments météorologiques à travers le pays et échanger les informations y relatives dans le but d'assurer la sécurité des biens et des personnes conformément aux accords internationaux dont le Rwanda est signataire;
3. approuver les données météorologiques et celles relatives au changement climatique;
4. établir un réseau spécial de communication utilisé dans le cadre de la collecte et de la diffusion d'éléments météorologiques

Official Gazette n° 04 of 23/01/201225

- | | | |
|--|--|---|
| hakurikijwe amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubumenyi bw'Ikirere; | the rules of the World Meteorological Organisation; | conformément aux règlements de l'Organisation Météorologique Mondiale; |
| 5° gutangaza no gukwirakwiza ibipimo by'indangagihe n'iteganyagihe ry'igihe kigufi n'iry'ikirekire ku nyungu z'ibikorwa bigamije iterambere ry'igihugu; | 5° to publish and disseminate meteorological data for short and long term weather forecasts towards national development activities; | 5. publier et diffuser les données météorologiques et les prévisions du temps à court et à long terme au profit des activités visant le développement du pays; |
| 6° kumenyekanisha mbere imiterere y'ikirere idasanzwe ishobora guteza ibiza, gutanga inama n'inyigisho hakoreshejwe itangazamakuru no guha amakuru buri wese ubyifuza; | 6° to provide advance information on unusual weather conditions that may cause disasters, provide advice and educational information through the medias and provide meteorological information to any interested person; | 6. fournir à l'avance les informations sur les conditions climatiques inhabituelles susceptibles de causer les catastrophes, donner des conseils et des informations éducatives à travers les médias et fournir des informations météorologiques à toute personne intéressée; |
| 7° gukurikirana, gusesengura no gutanga inama ku ihinduka ry'ibihe ku Isi; | 7° to monitor, analyze and advise on global climate change; | 7. faire le suivi et l'analyse du changement climatique planétaire et y donner des conseils; |
| 8° gushishikaza no gufasha abafite imishinga yo gushyiraho ubupimiro bw'imiterere y'ikirere; | 8° to encourage and assist initiatives to install meteorological stations; | 8. encourager et assister les initiatives visant l'installation des stations météorologiques; |
| 9° gufata no gusesengura ibipimo by'imyuka yo mu kirere hagamijwe kubungabunga kamere y'imiterere y'ikirere; | 9° to collect and analyse meteorological data to preserve the meteorological nature; | 9. recueillir et analyser les données météorologiques dans le but de préserver la météorologie de la nature; |
| 10° kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda mu bijyanye n'ubumenyi bw'ikirere; | 10° to ensure the implementation of international agreements that are ratified by Rwanda and relating to meteorology; | 10. assurer l'application des accords internationaux ratifiés par le Rwanda dans le domaine de la météorologie; |
| 11° gukora inyigo n'ubushakashatsi mu bumenyi bw'ikirere no gushyira mu bikorwa ibyavuyemo ; | 11° to make meteorological study and research and implement the outcome of the research; | 11. mener des études et des recherches sur la météorologie et assurer la mise en application des résultats obtenus; |

Official Gazette n° 04 of 23/01/201226

12° gufatanya no gukorana n'ibindi bigo byo mu karere cyangwa mpuzamahanga bihujye inshingano mu bijyanye n'ubumenyi bw'ikirere nk'uko biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'ubumenyi bw'ikirere;

13° kugira inama Guverinoma ku birebana na politiki y'ubumenyi bw'ikirere;

14° kugenzura no guteza imbere ubumenyi, amahugurwa n'ubukangurambaga mu rwego rw'ubumenyi bw'ikirere.

12° to make a partnership with other regional or international agencies that have the same mission in relation to the meteorology in accordance with International Agreements on Meteorology;

13° to advise the Government on Meteorological policy;

14° to monitor and develop science, training and advocacy on Meteorology.

12. collaborer avec les agences tant régionales qu'internationales ayant les mêmes missions dans le domaine de la météorologie tel que stipulé par la Convention Internationale sur la Météorologie;

13. conseiller le Gouvernement en matière de la politique sur la météorologie;

14. faire le suivi et développer la science, la formation et le plaidoyer sur la météorologie.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA METEO RWANDA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera METEO RWANDA n'icyiciro irimo

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera METEO RWANDA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera METEO RWANDA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza METEO RWANDA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa METEO RWANDA.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF METEO RWANDA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising authority of METEO RWANDA and its category

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of METEO RWANDA and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of METEO RWANDA and its decision-making organ a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for METEO RWANDA to fulfill its missions.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision-making organ of METEO RWANDA.

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU METEO RWANDA ET SA CATEGORIE

Article 5: Organe de tutelle du METEO RWANDA et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle du METEO RWANDA et sa catégorie.

Il est conclu, entre l'organe de tutelle du METEO RWANDA et l'organe de décision, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation des missions du METEO RWANDA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de décision du METEO RWANDA.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA METEO RWANDA

Ingingo ya 6: Inzego z'ubuyobozi za METEO RWANDA

METEO RWANDA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo METEO RWANDA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA

Inama y'Ubuyobozi ya METEO RWANDA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere by'Inama y'Ubuyobozi kimwe n'inshingano z'abayigize n'igihe bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere bwabo.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF METEO RWANDA

Article 6: Management organs of METEO RWANDA

METEO RWANDA shall be comprised of the following two (2) management organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may determine other relevant organs in order for METEO RWANDA to fulfil its missions.

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of METEO RWANDA

The Board of Directors of METEO RWANDA shall be the governing and decision-making organ. The competence, responsibilities and functioning of the Board of Directors as well as the duties and the term office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU METEO RWANDA

Article 6: Organe de direction du METEO RWANDA

METEO RWANDA est doté de deux (2) organes de direction suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation des missions du METEO RWANDA.

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Conseil d'Administration de METEO RWANDA

Le Conseil d'Administration du METEO RWANDA est l'organe de direction et de prise de décision. Ses compétences, ses attributions et son fonctionnement ainsi que les fonctions et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-Président. Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Official Gazette n° 04 of 23/01/201228

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama zayo bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

Article 8: Sitting allowance for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in its meetings shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents dans ses réunions bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par un arrêté présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri METEO RWANDA.

Article 9: Incompatibilities with membership on the Board of Directors

The members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within METEO RWANDA.

Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Il est interdit aux membres du Conseil d'Administration d'exercer des fonctions rémunérées au sein du METEO RWANDA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na METEO RWANDA.

They are also not allowed whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of METEO RWANDA.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés du METEO RWANDA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Section 2: General Directorate

Article 10: Members of the General Directorate of METEO RWANDA

Members of the General Directorate of METEO RWANDA shall be appointed by a Presidential Order.

The competence, responsibilities and modalities of functioning of members of the General Directorate shall be determined by a Prime Minister's Order.

Section 2: Direction Générale

Article 10: Membres de la Direction Générale du METEO RWANDA

Les membres de la Direction Générale du METEO RWANDA sont nommés par un arrêté présidentiel.

La compétence, la mission et le fonctionnement des membres de la Direction Générale sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba METEO RWANDA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba METEO RWANDA

Abakozi ba METEO RWANDA bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba METEO RWANDA biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za METEO RWANDA

Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za METEO RWANDA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutungo wa METEO RWANDA n'inkomoko yawo

Umutungo wa METEO RWANDA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa METEO RWANDA ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

Article 11: Statutes governing staff of METEO RWANDA and benefits allocated to members of the General Directorate and the staff of METEO RWANDA

The staff of METEO RWANDA shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits to members of the Directorate General and staff of METEO RWANDA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

Article 12: Functioning, organization and responsibilities of organs of METEO RWANDA

The functioning, organization and responsibilities of organs of METEO RWANDA shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of METEO RWANDA and its source

The property of METEO RWANDA shall be comprised of movables and immovables.

The property of METEO RWANDA shall come from the following sources:

- 1° the government budget allocation;

Article 11: Statut du personnel du METEO RWANDA et appointements des membres de la Direction Générale et du personnel du METEO RWANDA

Le personnel du METEO RWANDA est régi par le statut général de la fonction publique rwandaise.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale du METEO RWANDA et à son personnel sont fixés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes du METEO RWANDA

Le fonctionnement, l'organisation et les attributions des organes du METEO RWANDA sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine du METEO RWANDA et sa source

Le patrimoine du METEO RWANDA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du METEO RWANDA provient des sources suivantes:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;

Official Gazette n° 04 of 23/01/201230

- 2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;
3° ibituruka ku mirimo ikora;
4° inyungu ku mutungo wayo;
5° inguzanyo zihabwa METEO RWANDA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
6° impano n'indagano.

- 2° government or donor grants;
3° proceeds of its services;
4° incomes from its property;
5° loans extended to METEO RWANDA approved by the Minister in charge of Finance;
6° donation and bequest.

- 2° les subventions de l'Etat ou des donateurs;
3° le produit des services prestés;
4° les revenus de son patrimoine;
5° les emprunts accordés au METEO RWANDA acceptés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;
6° les dons et legs.

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa METEO RWANDA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa METEO RWANDA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA.

Ubugenzuzi bukorwa kandi n'urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya METEO RWANDA

Ingengo y'Imari ya METEO RWANDA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 14: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of the property of METEO RWANDA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

The internal audit department of METEO RWANDA shall submit a report to the Board of Directors and with a copy to the Head of the General Directorate of METEO RWANDA.

Audit shall also be performed by the Office of Auditor General of State Finances every year and any other time when necessary.

Article 15: Approval and management of the budget of METEO RWANDA

The budget of METEO RWANDA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du METEO RWANDA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne du METEO RWANDA transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve copie au dirigeant de la Direction Générale du METEO RWANDA.

L'audit est également effectué chaque année ou chaque fois que de besoin par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

Article 15: Adoption et gestion du budget du METEO RWANDA

Le budget du METEO RWANDA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa METEO RWANDA ashikiriza urwego rureberera METEO RWANDA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi, hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 17: Igihe cy'inzibacyuho

METEO RWANDA ihawe igihe cy'umwaka umwe (1), uherye umunsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, kugira ngo ibe yahujwe imirimo yakorerwaga mu zindi nzego.

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi

Article 16: Annual financial report

Within three (3) months following the end of the financial year, the Head of the General Directorate of METEO RWANDA shall submit to the supervising authority of METEO RWANDA an annual financial report after its approval by the Board of Directors, in accordance with legal provisions governing the management of State finance and property.

CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 17: Transitional period

METEO RWANDA shall have one (1) year, from the date of the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to merge all activities that was performed by other institutions.

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, examined and adopted in Kinyarwanda.

Article 19: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are

Article 16: Rapport annuel de l'exercice comptable

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la Direction Générale du METEO RWANDA transmet à l'organe de tutelle du METEO RWANDA le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration, conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 17: Période transitoire

METEO RWANDA a une (1) année à partir du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour avoir fusionné les activités qu'exerçaient d'autres institutions.

Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 19: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures

Official Gazette n° 04 of 23/01/201232

zinyuranyije na ryo zivanyweho.

hereby repealed.

contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 20: Commencement

Article 20: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **14/12/2011**

Kigali, on **14/12/2011**

Kigali, le **14/12/2011**

(sé)

(sé)

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

KAGAME Paul
President of the Republic

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

(sé)

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

(sé)

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux